URUZINDUKO RWA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI ANACLET MWUMVANEZA MURI GEREZA YA NYAKILIBA (Rubavu)

Kuri iki cyumweru Tariki ya 12/06/2016, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, umushumba wa Diyoseze ya Nyundo yasuye Centrale yitiriwe Mutagatifu Pawulo ibarizwa muri Gereza ya Rubavu, yimuriwe mu Murenge wa Nyakiliba ho mu Karere ka Rubavu anatanga Isakaramentu ry'Ukomezwa ku bagororwa 31 bateguwe na bagenzi babo ndetse banabifashwamo na Padiri Eduard NTURIYE na we ubarizwa muri iyo Gereza.

NIYOMUGABO Jean Marie Vianney ni Perezida wa Centrale yitiriwe Mutagatifu Pawulo ibarizwa muri Gereza ya Rubavu, yagaragaje ko ubukristu muri Gereza bugeze ku rwego rushimishije cyane ko umuntu wese uri muri Gereza aba afite inyota yo kumenya Imana.

- Ku ruhande rw'Amadini abarizwa muri Gereza ya Rubavu, yagaragaje ko muri iyi Gereza habarizwa amadini 8 yose akaba yuzuzanya cyane ko bashizeho ihuriro rihuza amadini bityo bakaba bafashanya muri byose.

Inspect of Prison Jean Pierre HAKIZIMANA umuyobozi wa Gereza wungirije yatangaje uburyo bakiriye uruzinduko rwa Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA Umushumba wa Diyoseze ya Nyundo cyane ko mu ma Santarale iyi ariyo ya mbere asuye aho aherewe Inkoni y'ubushumba,

- Uyu munsi bawakiriye neza kuko wari umunsi w'isanamutima kubagororwa babarizwa muri iyi Gereza ya Rubavu,
- Yavuze ko ari iby'igiciro ku bagororwa bahawe iri Sakramentu ry'ugukomezwa, aho bagiye kubera bagenzi babo urugero babatoza umuco mwiza wo gusenga no kumenya Imana by'ukuri bagendeye ku matsinda n'amakoraniro y'abasenga bafite muri iyi Gereza.
- Imibanire y'abagatolika n'andi madini muri iyi Gereza, yavuze ko iri kurwego rushimishimije cyane ko ari abantu bashyira hamwe ndetse bakuzuzanya, bikaba bitanga icyezere ko n'igihe bazaba barangije ibihano byabo bazagera mu buzima bwo hanze bagatanga urugero rwiza mu bandi.
- Yasabye Kiliziya gukomeza uyu murongo mwiza batangiye wo kugaragariza imfungwa n'abagororwa ko kuba muri Gereza atari ukwiheba no kwigunga ngo bibagirwe inzira yo kuyoboka Imana umuremyi wa byose, aboneraho gusaba andi madini kunyura mu nzira iboneye bagatera ikirenge mucya Kiliziya Gatolika.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA umushumba wa Diyoseze ya Nyundo, na we yadutangarije iby'uru ruzinduko yakoreye muri iyi Gereza muri aya magambo:

- ✓ Iyi gahunda ayifite mu rwego kugenderera Paruwasi na Centrales zigize Diyoseze ya Nyundo yaragijwe.
- ✓ Kuba yaratangiriye muri Gereza ya Rubavu asura imfungwa n'abagororwa yagendeye ku ntego yihaye «Mube abanyampuhwe nk'uko So ari Umunyampuhwe», mu rwego rwo kubakomeza mu kwemera bityo bakagororwa kuri roho no ku mubiri, akaba yabasuye abasomera Misa ndetse anatanga Isakaramentu ry'Ugukomezwa.
- ✓ Yagaragaje ko iki gikorwa kiri mu nshingano z'Umwepisikopi mu gusura abakristu ashinzwe aho bari hose, ibi bikaba byaranejeje abagororwa n'ubuyobozi bwa Gereza kandi na we abizeza ko azababa hafi.
- ✓ Yasabye Imfungwa n'abagororwa kwamaganira kure ivangura iryo ariryo ryose n'aho ryaturuka aho ariho hose, ahubwo baharanire gushyira hamwe no kuzuzanya biranga amadini n'amatorero bibarizwa muri iyi Gereza, bityo bizababere inzira nziza izabafasha mu buzima bwabo n'igihe bazaba barangije ibihano byabo basubiye mu buzima busanzwe.

Iyi Gereza ya Rubavu ibarizwa mu Kagari ka Gikombe, Umurenge wa Nyakiriba, Akarere ka Rubavu, aho yimuriwe ivanywe mu mugi wa Rubavu, ubu iyi Gereza ibarizwamo Imfungwa n'abagoororwa 3864 bagizwe n'abakristu gatorika 883, barimo 31 bahawe Isakaramentu ry'Ugukomezwa uyu munsi.

UMUHOZA Vincent